

UMURYANGO W'ABIBUMBYE

**MICT-12-25
14-08-2014
(469/ter - 449/ter)**

**469/ter
JN**



**Urwego Rwashyiriweho Kurangiza Imirimo y'Inkiko
Mpanabyaha Mpuzamahanga**

MICT-12-25

4 Nyakanga 2014

Umwimerere: Icyongereza

Umucamanza: Theodor Meron, Perezida

Gerefiye: John Hocking

POROKIRERI

aburana na

JEAN UWINKINDI

INYANDIKO ITARI IBANGA

RAPORO Y'UBUGENZUZI (GICURASI 2014)

**Received by the Registry
Mechanism for International Criminal Tribunals
14/08/2014 12:00**

Anomous f

AMASHAKIRO

I. INTANGIRIRO	3
II. RAPORO MU MAGAMBO ARAMBUYE	4
<i>A. Imirimo yerekerye n'ubucamanza</i>	4
<i>Iburanisha</i>	4
<i>Inyandiko zatangiwe mu rukiko</i>	10
<i>B. Kubonana na Uwinkindi.....</i>	10
<i>D. Kubonana n'Umukuru w'Ishami rishinzwe kwita ku batangabuhamya</i>	13
<i>E. Kubonana n'Umuyobozi wungirije wa gereza</i>	14
<i>F. Gusura igipangu cyihariye</i>	14
<i>G. Kubonana na Gerefiye</i>	15
<i>H. Kubonana n'Umuyobozi wa gereza</i>	15
<i>H. Kubonana n'Umwunganizi mukuru</i>	17
III. UMWANZURO	21

I. INTANGIRIRO

1. Iyi raporo yerekeye ibyakozwe mu rubanza rwa Uwinkindi ruburanishwa n'inkiko zo mu Rwanda hamwe n'ibiganiro abagenzuzi bashyizweho n'Urwego Rwashyiriweho Kurangiza Imirimo y'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga («MICT») bagiranye n'abandi bafatanyabikorwa banyuranye, muri Gicurasi 2014 («Igihe kirebwa n'iyi raporo»).
2. Mu gihe kirebwa n'iyi raporo, abagenzuzi bashyizweho, Anees Ahmed na Jelena Gudurić, bagiye mu Rwanda inshuro imwe. Uretse gukurikirana imanza ebyiri zoherejwe mu nkiko zo mu Rwanda— urwa Uwinkindi n'urwa Munyagishari – ikindi urwo rugendo rwari rugamije kwari ukugira ngo Ahmed yereke abafatanyabikorwa batandukanye Umugenzuzi mushya, Gudurić («Umugenzuzi»)¹.
3. Umugenzuzi yabonanye na Uwinkindi na Avoka mukuru, abonana kandi n'aba bakurikira: Umuyobozi w'Ishami rishinzwe kwita ku batangabuhanya ryo mu Rukiko rw'Ikirenga, Umuyobozi wa gereza wungirije, Gerefiye mu rubanza rwa Uwinkindi no mu rwa Munyagishari n'Umuyobozi wa gereza. Umugenzuzi yasuye kandi igipangu cyihariye cyo muri Gereza nkuru ya Kigali (Gereza ya Nyarugenge) («Icipangu cyihariye» na «Gereza»), aho Uwinkindi na Munyagishari bafungiye.
4. Mu gihe kirebwa n'iyi raporo, inteko y'iburanisha yateranye inshuro ebyeri: ku itariki ya 14 Gicurasi 2014, urubanza rwatangiye Porokireri atanga Imyanzuro yo mu ikubitiro mu magambo; iyo myanzuro yakomeje mu iburanisha ry'umunsi wakurikiyeho. Urubanza

¹ Reba mu rubanza rwa Jean Bosco [Sic] Uwinkindi, No MICT-12-25 no mu rwa Bernard Munyagishari, No MICT-12-20, «Icyemezo gishyiraho Umugenzuzi », (kitari ibanga), 4 Mata 2014.

ruzasubukurwa ku itariki ya 4 Kamena 2014, Porokireri akazakomeza gutanga Imyanzuro yo mu ikubitiro mu magambo.

5. Mu bika bikurikira turatanga raporo mu magambo arambuye ku bintu byose byakozwe mu gihe kirebwa n'iyi raporo.

II. RAPORO MU MAGAMBO ARAMBUYE

A. Imirimo yerekanye n'ubucamanza

Iburanisha

6. Mu gihe kirebwa n'iyi raporo, Urugereko rwaburanishije ku itariki ya 14 n'iya 15 Gicurasi 2014². Muri iyo minsi yombi, iburanisha ryabereye imbere y'inteko yuzuye. Muri iyo minsi ibiri, Porokireri yari ahagarariwe na Jean-Bosco Mutangana na Bonaventure Ruberwa («Porokireri»); Uwinkindi, na we wari uhari, yunganirwaga n'Avoka mukuru, Gatera Gashabana n'Avoka wungirije, Jean-Baptiste Niyibizi («Ubwunganizi»).
7. Mu iburanisha ryo ku itariki ya 14 Gicurasi 2014, Ubwunganizi bwagaragaje ikibazo bufite cyo gukomeza guhagarara [iruhande rw'akameza ko gushyiraho amadosiye] mu gihe cyose cy'iburanisha³. Perezida w'Urugereko yakiriye icyifuzo cy'Ubwunganizi, yemerera avoka ko ashobora kujya yicara igihe adafite icyo ageza ku Rugereko, kandi yagira icyo

² Umugenzi yakurikiranye iburanisha abifashijwemo n'umusemuzi.

³ Umugenzi yabonye ko mu rukiko imbere y'inteko, Porokireri yicara iburyo naho avoka akicara ibumoso. Ariko, uko Umugenzi yabibonye, mu gihe cy'iburanisha, avoka agomba kuba ahagaze, igihe cyose, hafi y'akameza ashyiraho inyandiko yifuza gusoma, ateganye n'inteko (kure y'intebe ye). Nyamara ariko, Porokireri we yemerewe kwicara ku ntebe ye, agahuguruka gusa iyo afite icyo abwira Urugereko, kandi akabikora ahagaze hafi y'intebe ye, atari hafi y'akameza gateganye n'inteko.

ashaka kuvuga, akabikora ahagaze iruhande rw'intebe ye, atarinze kujya ku kameza gateganye n'inteko⁴.

8. Urugerekero rwasabye Porokireri kuvuga uko ateganya kuburana urubanza rwe, gutanga umwirondoro w'abatangabuhamya yifuza guhamagaza, umubare wabo, aho bazarizwa no kuvuga niba mu batangabuhamya hari abatifuza ko umwirondoro wabo umunyekana.

9. Porokireri yasubije ko azatangirana n'Imyanzuro yo mu ikubitiro mu magambo igizwe n'ibice bitatu: amakuru arebana n'ibyabaye ibyaha ashinja bishingiyeho n'amakuru arebana n'uregwu n'umwirondoro we. Muri iki gice, hazerekana wa ibimenyetso bishingiye ku bishushanyo no ku mafoto. Igice cya kabiri kigizwe n'amategeko akurikizwa mu rwego rw'igihugu no mu rwego mpuzamahanga. Igice cya gatatu kirebana n'ibimenyetso bizatangwa n'abatangabuhamya. Muri rusange, Porokireri yateganyije ko niba Urugerekero ruzaburanisha kuva saa mbiri za mu gitondo kugeza saa saba z'amanywa, azakenera iminsi ine kugira ngo arangize gutanga Imyanzuro yo mu ikubitiro mu magambo.

10. Porokireri yasobanuye ko, mu gihe azaba atanga ibimenyetso bishinja, uretse abatangabuhamya 22 afitiye ubuhamya bwanditse bwoherejwe n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda («TPIR»), azahamagaza abandi batangabuhamya

⁴Igihe yari mu Rwanda muri Kamena 2014, Umugenzi yasuzumye dosiye y'urubanza (No. RP0012/13/HCCI), abifashijwemo n'umusemuzi. Umugenzi asanga, ku itariki ya 30 Mata 2014, Ubwunganizi bwaratanze ingingo zanditse, ziriho itariki ya 28 Mata 2014, zirebana n'uburinganire bw'ababuranyi. Muri izo ngingo Ubwunganizi buvugamo ibibazo bibiri: ukuntu impande ziburana zidafatwa kimwe iyo zifite icyo zibwira Urugerekero n'igihe zihabwa. Mu bindi bantu bwatanze mu ngingo zabwo, Ubwunganizi bwasabye Urugerekero kubwemerera kudakomeza guhagarara igehe budafite icyo bubwira Urugerekero.

bashya bane. Yavuze ko bamwe mu batangabuhanya bapfuye, ko ariko muri icyo gihe azifashisha ubuhanya basize batanze.

11. Porokireri ntiyashoboye kuvuga igihe azarangiriza gutanga ibimenyetso bishinja kubera ko bitazaterwa gusa n'igihe azamara abaza abatangabuhanya ibibazo by'ibanze, bizaterwa na none n'igihe Ubwunganizi buzamara bubabaza ibibazo binyomoza.

12. Porokireri yongeyeho ko, ku birebana n'ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhanya, bamwe muri bo bazatanga ubuhanya bakoresheje amazina y'amahimbano kandi ko rubanda batazashobora kubona isura yabo. Yavuze ko bamaze guha Urugereko amazina y'abo batangabuhanya.

13. Urugereko rwasabye Ubwunganizi gutanga ingingo zabwo. Uwinkindi yavuze ko ntacyo afite yongeraho, uretse kugaragaza ikibazo yari atewe n'abatangabuhanya barindiwe umutekano. Yabajije impamu bamwe mu batangabuhanya bazatanga ubuhanya bwabo barindiwe umutekano, hanyuma avuga ko abo batangabuhanya batazavugisha ukuri nibadatanga ubuhanya bwabo mu ruhame.

14. Urugereko rwavuze ko ruzita ku kibazo cy'ingamba z'umutekamno mu gihe gikwiriye, igihe abatangabuhanya bazatangira kwitaba urukiko. Urugereko rwavuze ko impamu y'iburanisha ry'uwo munsi kwari ukumva Imyanzuro yo mu ikubitiro mu magambo n'ingingo z'ababuranyi zirebana n'igihe bazamara batanga iyo myanzuro n'izo ngingo.

15. Ubwunganizi bwavuze ko buzavuga ku bibazo birebana n'Inyandiko y'ibirego kandi ko buteganya gusaba Urugereko gusuzuma Inyandiko y'ibirego no kugaruka ku nzitizi bwari bwatanze. Buzabyutsa kandi ikibazo kirebana n'uburyo bamwe mu batangabuhanya batanzemo ubuhanya bwabo bwanditse, bamwe bakaba barabajijwe mu mwaka wa 1998.

Ubwunganizi bwavuze ko Urugereko ruramutse ruburanishije kuva saa mbiri za mu gitondo kugeza saa saba z'amanywa, bwazakenera iminsi irindwi kugira ngo buvuge ku bibazo byo mu ikubitiro. Niburangiza kuvuga kuri ibyo bibazo byo mu ikubitiro, buzatanga Imyanzuro yo mu ikubitiro mu magambo, kandi ibi bikazabafata iminsi igeri kuri 14. Ibimenyetso bishinjura bizaterwa n'ibimenyetso bishinja Porokireri azaba yatanze. Ubwunganizi buzasaba igihe cyo kujya kubonana n'abatangabuhanya bashinjura. Bwashimangiye ko ari ngombwa kumva abatangabuhanya bashinja n'abashinjura. Uko Ubwunganizi bubibona, kuba bamwe mu batangabuhanya baba hanze y'u Rwanda ni ikibazo cy'ingenzi. Ubwunganizi bwasabye Urugereko uruhushya rwo gutanga ingingo zanditse zirebana n'itangwa ry'ibimenyetso bishinjura n'igihe bizamara. Bwasabye kandi ko Porokireri atanga ibisobanuro birebana n'abatangabuhanya bane b'inyongera, bwongeraho ko nta buhamya bwabo bwanditse bufite.

16. Ubwunganizi bwamenyesheje Urugereko ko ntacyo buzi ku mafoto Porokireri yavuze ko azerekena mu gihe cyo gutanga Imyanzuro yo mu ikubitiro mu magambo. Bwibukije icyemezo Urugereko rwafashe mbere kivuga ko Porokireri agomba gutanga mbere inyandiko zose azakoresha mu rukiko kugira ngo bwitegure kumusubiza, kandi bushimangira ko Urugereko rugomba guhagarara kuri icyo cyemezo. Porokireri yasubije ko ayo mafoto azakoreshwa kugira ngo ashyigikire Imyanzuro yo mu ikubitiro mu magambo. Yasobanuye ko ayo mafoto atari ibimenyetso ubwabyo, ko ahubwo yerekana ahantu ibyaha byabereye kandi ko ashobora guha Ubwunganizi kopi z'ayo mafoto. Urugereko rwasabye Porokireri guha Ubwunganizi ayo mafoto mbere yo kuza gutanga imyanzuro mu rukiko. Rwavuze kandi ko Ubwunganizi buzahabwa umwanya wo gusubiza igihe Porokireri azarangiriza gutanga Imyanzuro yo mu ikubitiro mu magambo.

17. Urugereko rwariherereye hanyuma rutanga icyemezo cyarwo mu magambo kuri gahunda y'iburanisha: Porokireri azatanga Imyanzuro yo mu ikubitiro mu magambo uwo

munsi saa yine n'igice za mu gitondo. Urugereko rwabajije niba hari inzitizi. Nta nzitizi n'imwe yatanzwe. Urugereko rwavuze kandi ko uruhande rwose ruzifusa kugira icyo rubwira Urugereko ruhagaze hafi y'akameza kari imbere y'inteko, rwabikora. Rwanzuye ko iburanisha riza gukomeza kugeza saa saba uwo munsi, kandi ko n'umunsi ukurikiyeho ariuko bizagenda. Rwasobanuye ko ruzafata icyemezo kirebana n'uko gahunda izakomeza mu iburanisha ry'umunsi ukurikiyeho.

18. Iburanisha ryarasubitswe; ni muri icyo gihe Porokireri yamenyekanishije amafoto yifuzaga gukoresha.

19. Iburanisha risubukuwe, Urugereko rwasomye amakuru ajyanye n'umwirondoro w'uregwa, harimo izina rye, aho yavukiye, kumenya niba yubatse n'umwuga we. Urugereko rwasanje uregwa ashinjwa icyaha cya jenoside n'itsembatemba nk'icyaha cyibasiye inyokomuntu. Rwasabye uregwa kugira icyo avuga ku byaha ashinjwa, asubiza abihakana.

20. Porokireri yahise atanga Imyanzuro yo mu ikubitiro mu magambo. Yavuze mu magambo avunaguye ku mavu n'amavuko, ahereye hagati mu kinyejana cya 20 no gukomeza, hanyuma asobanura ibyaha byakozwe n'uruhare bivugwa ko Uwinkindi yagize mu ikorwa ryabyo. Porokireri yavuze ku bukemuramanza bwa TPIR n'ubwa TPIY, hanyuma asobanura ko atari ngombwa ko agaragaza ko mu Rwanda habaye jenoside, kubera ko ibyo byamaze kwemezwa na TPIR, ko icyo agomba kugaragaza gusa ari ibikorwa by'uregwa muri iyo gahunda rusange. Yakomeje atanga incamake y'ubuhamya bw'abatangabuhamya kugeza igihe iburanisha ryasubikiwe uwo munsi.

21. Mu iburanisha ryo ku itariki ya 15 Gicurasi 2014, Porokireri yakomeje gutanga Imyanzuro yo mu ikubitiro mu magambo, by'umwihariko yavuze ku ncamake z'ubuhamya bw'abatangabuhamya.

22. Mu bintu Porokireri yavuzeho mu ngingo ze, harimo inyandiko y'urubanza rwa Bagasora muri TPIR. Mu gisubizo cyabwo, Ubwunganizi bwasabye Urugereko gutegeka Porokireri kumenyekanisha inyandiko zose ateganya gukoresha kubera ko butifuza gutungurwa n'inyandiko nshya mu gihe cy'iburanisha. Bwashimangiye ko inyandiko zose zigomba kumenyekanishwa kugira ngo bubashe gutegura ibisubizo byabwo. Bwavuze kandi ku cyemezo Urugereko rwari rwarafashe mbere rusaba buri ruhande kumenyekanisha inyandiko ruzakoresha.

23. Porokireri yasubije ko yakoresheje ubukemuramanza bwa TPIR bushobora kubonwa na buri muntu wese, kandi yongeraho ko atari ngombwa ko amenyekanisha inyandiko nk'izo.

24. Urugereko rwanzuye ko Porokireri agomba kuvuga ubukemuramanza azakoresha mbere y'iburanisha. Akazagomba kandi gutanga kopi y'ubwo bukemuramanza. Byaba bihagije Porokireri amenyesheje Ubwunganizi ko azavuga ku cyemezo runaka. Urugereko rwibukije ababuranyi ko bagomba kubahiriza amategeko, kandi rusaba Porokireri guha Ubwunganizi kopi y'ubukemuramanza yari yavuzeho. Rwavuze ko rutazakira inyandiko itazaba yabanje kumenyekanishwa.

25. Urugereko rwasubitse iburanisha kugira ngo rufatate akaruhuko. Muri ako karuhuko, Porokireri yahaye Ubwunganizi kopi y'ubukemuramanza yari yavuzeho.

26. Iburanisha risubukuwe, Urugereko rwanzuye ko rutaza kumva ingingo z'ababuranyi zirebana n'ubukemuramanza uwo munsi, kandi ko Porokireri agomba gukomeza gutanga Imyanzuro yo mu ikubitiro mu magambo.

27. Ubwunganizi bwasabye ko ubukemuramanza bushyirwa mu rurimi rw'ikinyarwanda kubera uregwa, ariko bwongeraho ko kubera ko Urugereko rutaza kumva ingingo uwo munsi, bitari ngombwa guhita bahindura ubukemuramanza mu kinyarwanda.

28. Porokireri yakomeje gutanga Imyanzuro yo mu ikubitiro mu magambo kugeza igithe iburanisha risubikiwe. Urugerekero rwavuze ko urubanza ruzasubukurwa ku itariki ya 4 Kamena 2014 saa tanu za mu gitondo, kandi ko iryo buranisha rizabanzirizwa n'iryo mu rubanza rwa Munyagishari saa mbiri za mu gitondo.

Inyandiko zatangiwe mu rukiko

29. Mu gihe kirebwa n'iyi Rapor, nta nyandiko zirebana n'uru rubanza zashyizwe muri dosiye.

B. Kubonana na Uwinkindi

30. Umugenzi yabonanye na Uwinkindi ku itariki ya 14 n'iya 15 Gicurasi 2014.

31. Ku itariki ya 14 Gicurasi 2014, Umugenzi yabonanye na Uwinkindi ari kumwe na Ahmed. Baganiriye na Uwinkindi babifashijwemo n'umusemuzi. Ahmed yeretse Uwinkindi Umugenzi kandi abwira Uwinkindi ko agiye kuva muri TPIR, ko atazakomeza kuba Umugenzi.

32. Uwinkindi yagaragaje impungenge atewe n'ukuntu urubanza rwe ruburanishwa. Yavuze ku kirego kimwe cyari cyarakuwaho mu Nyandiko y'ibirego yakozwe na TPIR – kuba icyitso – ariko Urukiko Rukuru rukaza kugisubizamo. Yajuririye icyo cyemezo hanyuma Urukiko rw'Ikirenga ruvuga ko ubujurire bwe bushobora kwakirwa. Porokireri yaje gutanga ingingo avuga ko ubwo bujurire butagomba kwakirwa, nyuma yaho Urukiko rw'Ikirenga rufata icyemezo cyo kutumva ingingo z'ubujurire mu mizi. Uwinkindi yibwira ko kwanga kumva ingingo z'ubujurire bwe binyuranyije n'amategeko kandi ko binyuranyije n'Ingingo ya 17 n'iya 18 z'Itegeko rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda («Itegeko rigena kwimurira imanza mu Rwanda»), riteganya ko ikintu icyo ari cyo cyose

gishobora kujuririrwa. Uko Uwinkindi abibona, icyo cyemezo kinyuranyije kandi n'Ingingo ya 16 y'Itegeko Nshinga n'iya 27 y'Itegeko rigena kwimurira imanza mu Rwanda.

33. Uwinkindi yatanze kandi inzitizi kubera ko icyaha cy'itsebatsembo cyongerewe mu Nyandiko y'ibirego. Yemeje ko icyo cyaha kidateganyijwe mu mategeko y'igihugu, by'umwihariko mu Mategeko mpanabyaha yo mu Rwanda. Yavuze ko ingingo zimwe zigize icyaha cy'itsebatsembo ari na zo zigize icyaha cya jenoside, kandi ko ari abatangabuhanya bamwe bazatanga ubuhamya kuri ibyo byaha byombi. Kubera ibyo, gushyira mu Nyandiko y'ibirego icyaha cy'itsebatsembo byaba ari ukumushinja kabiri icyaha kimwe.

34. Uwinkindi yavuze ko afite impungenge kubera ko Porokireri n'Urukiko baramutse batubahirije amategeko, atagira urubanza ruboneye.

35. Uwinkindi yavuze no ku kibazo cy'imishahara ikiye ye y'Ubwunganizi itahawe kuva muri Gicurasi 2013. Yemeje kandi ko yabonanye n'abamwunganira inshuro enye gusa kuva muri Mutarama; yibwira ko ibi byatewe n'uko batahembwe. Yongeyeho ko ahangayikishijwe n'uko ikibazo cyo kudahembwa kizagira ingaruka ku bushobozi bwe bwo guhamagaza abatangabuhanya bashinjura no kubona inyandiko z'inkiko Gacaca n'iza TPIR yasabye abinyujije kuri avoka we.

36. Ku birebana n'uburyo afunzwemo, Uwinkindi yavuze ko kuva bashyiraho umukuru wa gereza mushya, ibintu bigenda neza.

37. Ku itariki ya 15 Gicurasi 2014, Umugenzi yongeye kubonana na Uwinkindi, babifashijwemo n'umusemuzi. Icyo gihe, Uwinkindi yavuze ku bibazo binyuranye birebana n'uburyo afunzwemo n'uburenganzira bwe bwo kuburanishwa mu buryo buboneye.

38. Mbere na mbere, Uwinkindi yashatse kumenya niba Umugenzuzi azi ibyerekeye urubanza rwe. Umugenzuzi yamwijeje ko azi neza ibyemezo byose birebana n'urubanza rwe kimwe n'inyandiko zose zatanzwe, harimo n'izirebana n'iyimurwa rye n'ingingo zижане n'ubugenzuzi bw'urubanza rwe, ndetse na za raporo zose z'ubugenzuzi zakozwe mbere, n'amategeko y'ighugu arebana n'urubanza rwe.

39. Uwinkindi yasobanuye ko atumva icyongereza, ko adasobanukirwa za raporo zikorwa. Yabonye kopi ebyiri gusa za raporo mu kinyarwanda. Si raporo gusa ziri mu cyongereza, n'izindi nyandiko zose ziri mu cyongereza. Uwinkindi yasabye ko bamuha inyandiko zose mu kinyarwanda.

40. Uwinkindi yasobanuye ko abamwunganira bahozwa ku nkeke. Yavuze kuri Rapor yo mu Ukwakira n'yo mu Ugushyingo 2013, asubiramo ko umuntu umwe uhagarariye Porokireri yavuze ko abamwunganira ari abajura kubera ko bahembwa na Leta kugira ngo bunganire abagizi ba nabi. Urundi rugero Uwinkindi yatanze ni igihe avoka wunganira undi muntu uregwa yategetswe gutanga amande kubera ko atabonetse mu iburanisha kuko yari yagiranye inama n'abategetsi, biga ku nkunga yatangwa mu by'amategeko. Ikindi, umwe mu bunganira Uwinkindi yemeje ko batahembwe kuva muri Gicurasi 2013, kandi ko bahagaritse kujya gushaka abatangabuhanya hanze y'ighugu kubera ibibazo by'amafaranga.

41. Uwinkindi yavuze ko adashobora kuburanishwa mu buryo buboneye mu gihe adafite abavoka bitangira urubanza rwe; yongeyeho ko abavoka batakwitangira urubanza mu gihe badahembwa. Ikindi kibazo kijyanye n'urubanza ruboneye, uko Uwinkindi abivuga, ni uko adafite uburyo buhagije bwo gukora iperereza. Yongeyeho ko kubura amafaranga bituma atabonana n'abavoka be kenshi kugira ngo ategure urubanza rwe.

42. Uwinkindi yavuze no ku kibazo cy'icyumba cyo kubonaniramo n'abavoka be cyari kitarakemurwa. Yasobanuye ko we n'abavoka be badashobora gukoresha icyo cyumba mu gihe kiberamo indi nama. Iyo bigenze bityo bashobora gukoresha ikindi cyumba ariko ntibaba bisanzuye kuko kiri hafi y'ibiro by'Umukuru wa gereza; bumva atari ahantu hiherereye.

43. Ikindi kibazo Uwinkindi afite ni uko abapolisi bakorera mu ibanga badatuma asabana n'izindi mfungwa mu kibuga cya gereza.

44. Uwinkindi yakomeje kwinubira ko abafunze batemerewe gusurwa n'abo bashakanye, ngo bashobore kwiherera nk'umugabo n'umugore. Yasobanuye ko agomba gufungwa mu buryo bumwe n'abafungiwe muri gereza ya TPIR aho abafunze bemerewe gusurwa n'abo bashakanye, bagashobora kwiherera nk'umugabo n'umugore. Yasabye MICT kuvugana na Guverinoma y'u Rwanda kugira ko yemere ko abafunze basurwa muri ubwo buryo.

D. Kubonana n'Umukuru w'Ishami rishinzwe kwita ku batangabuhanya

45. Ku itariki ya 13 Gicurasi 2014, Umugenzi, ari kumwe na Ahmed, yabonanye na Janvier Bayingana, Umukuru w'Ishami rishinzwe kwita ku batangabuhanya («WPU») ryo mu Rukiko rw'Ikirenga. Muri iyo nama Ahmed yashakaga kwerekana Umugenzi mushya. Nta kindi kibazo cy'ingenzi cyavuzweho.

46. Ku itariki ya 16 Gicurasi 2014, Umugenzi yongeye kubonana na Bayingana ubwa kabiri. Bayingana yasobanuye ko Ishami ayoboye ryiteguye gutanga ibikenewe byose kugira ngo abatangabuhanya baze gutanga ubuhanya, hatitaweho umubare wabo. WPU ifite amazu arindiwe umutekano n'ibindi byose byakenerwa byo gucumbikira abatangabuhanya. Bayingana yavuze ko impande ziburana zigomba gutanga amakuru arebana

n'abatangabuhanya kugira ngo WPU ishobore kuvugana na bo, no kugira ngo ingendo zabo zitegurwe bazashobore kuza igihe cyo gutanga ubuhanya nikigera.

47. Bayingana yavuze ko ubu atazi umubare w'abatangabuhanya bagomba kuzahamagazwa n'Urukiko. Umubare w'agateganyo w'abatangabuhanya bashinja n'abashinjura afite ubu ni 70. Porokireri azahamagaza abari hagati ya 30 na 35, naho Ubwunganizi buhamagaze abasigaye. Bayingana yasobanuye ko, bitewe n'icyemezo cy'Urugereko, abatangabuhanya bashinja ari bo bazahamagazwa mbere

E. Kubonana n'Umuyobozi wungirije wa gereza

48. Ku itariki ya 15 Gicurasi 2014, Umugenzi yabonanye na Janet Buggingo, Umuyobozi wungirije wa gereza. Umugenzi yagendereye Buggingo mu buryo bworoheje agira ngo amwiyereke. Umwunganizi yaboneyeho kubaza ukuntu yashobora kugera ku gipangu cyihariye. Buggingo yahise amwemerera mu buryo butateguwe gusura iki gice cyihariye cya gereza aho Uwinkindi na Munyagishari, n'abandi baregwa babiri bimuriwe mu Rwanda n'inkiko z'ibindi bihugu, bafungiye.

F. Gusura igipangu cyihariye

49. Umugenzi yabonye ko igipangu cyihariye kirimo inyubako ntoya, igizwe n'utwumba twinshi; buri mufungwa aba afite akumba kamwe karimo n'aho kwiyuhagirira; hari n'ikibuga kibangikiranye n'ijo nyubako kigerwamo gusa n'abafungiye mu gipangu cyihariye. Umugenzi yashoboye kwinjira mu cyumba cya Uwinkindi n'icya Munyagishari. Buri cyumba cyarimo igitanda n'inzitiramibu, akameza ko kwandikiraho n'ahantu ufunze ashobora kubika utuntu twe. Umugenzi yabonye ko, mu gihe bari mu gipangu cyihariye,

abafunze bashobora kwambara imyambaro yabo bwite ariko iyo bavuye mu gipangu cyihariye bategetswe kwambara imyambaro y'abafungwa igithe cyose⁵.

G. Kubonana na Gerefiye

50. Ku itariki ya 16 Gicurasi 2014, Umugenzuzi yabonanye na Hypax Nyamutama, Gerefiye mu rubanza rwa Uwinkindi n'urwa Munyagishari. Muri uwo mubonano, Janvier Bayingana, Umukuru wa WPU, na we yari ahari. Umugenzuzi yabonanye na Gerefiye kugira ngo Umugenzuzi amwibwire. Nta kibazo gikomeye bavuganyeho.

51. Nyamutama yasobanuye ko iburanisha ritaha mu manza zombi – urwa Munyagishari n'urwa Uwinkindi – riteganyijwe ku itariki ya 4 Kamena 2014, kandi ko inteko iburanisha izo manza zombi ari imwe. Bityo rero, nta gongana rishobora kubaho mu ngengabihe y'iburanisha y'izo manza zombi.

H. Kubonana n'Umuyobozi wa gereza

52. Ku itariki ya 16 Gicurasi 2014, Umugenzuzi yabonanye na Alex Murenzi, Umuyobozi wa gereza. Murenzi yavuze ku bibazo binyuranye byari byakomojweho mbere na Uwinkindi na Munyagishari.

53. Murenzi yasobanuye ko muri gereza hari abacungagereza b'ingeri imwe, ko nta bapolisi bakora mu ibanga bahaba. Yongeyeho ko buri munsi aha amabwiriza abacungagereza, harimo n'ayo kwambara imyambaro ya gisiviri. Yavuze ko ayo mabwiriza atangwa kubera impamvu z'umutekano gusa.

⁵ Imfungwa zikiburana, zirimo Munyagishari na Uwinkindi, zambara imyambaro y'abagororwa y'iroza. Abafungwa bamaze gukatirwa bambara iniforume ifite ibara rya oranje.

54. Murenzi yavuze ko Uwinkindi na Munyagishari bafungiye mu gipangu cyihariye aho abandi bafungwa (uretse abandi bimuriwe mu Rwanda) batemerewe kugera. Uwinkindi na Munyagishari bemerewe gusurwa kandi bashobora kuganira n'abandi bafungwa mu gihe cya siporo no mu bikorwa bijyanye n'idini. Uwinkindi na Munyagishari bashobora kubonana n'ababunganira mu mategeko buri munsi wose w'akazi, ariko si ko bimeze ku bandi bafungwa basurwa muri rusange ku wa gatanu gusa. By'umwihariko, bemerewa gusurwa n'abantu bo mu miryango yabo ku yindi minsi y'akazi itari ku wa gatanu iyo abo bantu baje baturuka mu mahanga kandi banyirubwite babanje kubisabira uruhushya. Ku minsi yateganyijwe, bashobora kujya hanze.

55. Murenzi yemeje ko hateganyijwe kubaka ibindi byumba bibiri kugira ngo abafungiye mu gipangu cyihariye n'abavoka bagire aho bashobora kubonanira.

56. Murenzi yongeye kwemeza ko hariho hategurwa amabwiriza mashya yo gukurikiza muri gereza. Yasobanuye ko ayo mabwiriza yerekeye disipuline «n'andi agenga imikorere muri gereza». Ayo mabwiriza ntavanaho cyangwa ngo ahindure uburenganzira bw'abantu bafunze cyangwa uburyo bafungwamo.

57. Ku birebana no gusurwa n'abo bashakanye kandi bagashobora kwiherera nk'abagabo n'abagore, Murenzi yavuze ko ibyo atari uburenganzira bw'abantu bafunze kandi ko Komiseri Mukuru ari we ufite ububasha bwo gufata icyemezo ku bibazo nk'ibyo.

58. Murenzi yavuze kandi ko hari ikarita y'ifatabuguzi yashyizwe muri televiziyo ku buryo abafunze bashobora gukurikirana imiyoboro inyuranye.

59. Murenzi yavuze ko abafunze bashobora kujya mu bikorwa bitandukanye, harimo iby'amadini, siporo, inama, n'impaka zo mu ruhame. Ku birebana n'inama zo mu ruhame, Murenzi yavuze ko rimwe na rimwe asaba Komiseri Mukuru gutumira umukozi wo muri

Minisiteri y'Ubutabera cyangwa uwo muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Ighugu cyangwa uwo mu kindi kigo, kugira ngo aze kugira ikiganiro n'abafunze ku bintu runaka. Abakozi ba gereza n'abafunze bose bateranira mu cyumba kinini cy'inama maze bakaganira ku bibazo nk'ubutabera, ubwiyunge n'inkiko Gacaca. Uwinkindi na Munyagishari bashobora kwitabira ibyo biganiro.

60. Murenzi yavuze ko aho mu gipangu cyihariye, Uwinkindi na Munyagishari bashobora gukoresha mudasobwa (ariko ntibemerewe gukoresha umurongo wa interineti) n'imashini ikorana nayo isohora inyandiko (*printer*).

61. Mu kurangiza, Murenzi yavuze ko Uwinkindi na Munyagishari barya gatatu ku munsi, hakurikijwe indyo yateguve n'impuguke mu mirire, mu gihe abandi bafunze (uretse abandi babiri bimuriwe mu Rwanda) barya kabiri ku munsi gusa.

H. Kubonana n'Umwunganizi mukuru

62. Ku itariki ya 17 Gicurasi 2014, Umugenzi yabonanye na Gatera Gashabana, Umwunganizi mukuru wa Uwinkindi.

63. Ku birebana n'icyifuzo cyatanzwe n'Ubwunganizi gisaba ko abavoka bemererwa kwicara igihe cy'iburanisha iyo atari bo bafite ijambo⁶, Gashabana yasobanuye ko Ubwunganizi bwatanze icyo cyifuzo mu nyandiko, mbere y'iburanisha. Yavuze ko ku itariki ya 14 Gicurasi 2014, Urugerekero rwemeye icyifuzo cyabwo, mu magambo.

⁶ Reba igika cya 7 (haruguru).

64. Gashabana yavuze ku kibazo cy'imishahara y'abunganira uregwa. Yavuze ko Ubwunganizi bwasobanuye icyo kibazo mu cyifuzo bwagejeje kuri MICT⁷. Yemeje ko imishahara igomba kubahiriza nibura ibyangombwa bisabwa mu rwego mpuzamahanga. Bwahaye Minisiteri y'Ubutabera igitekerezo kirebana n'imishahara, hifashishijwe ibisabwa mu rwego mpuzamahanga n'imishahara itangwa muri TPIR. Minisiteri y'Ubutabera yanze kwemera icyo gitekerezo, ivuga ko iyo mishahara yaba iri hejuru bikabije. Ministeri y'Ubutabera na yo yatanze igitekerezo cyayo, hanyuma ivuga ko abavoka nibatacyemera, Minisiteri izabasimbuza abandi. Ministeri y'Ubutabera yatanze igitekerezo cy'amarafaranga 30.000 («Rwf») ku isaha ku mirimo yose ikorwa n'abavoka, harimo no kubonana n'uwo bunganira, gutegura ibyifuzo, gutanga ingingo, no kuburana mu rukiko. Minisiteri y'Ubutabera yavuze ariko ko hari aho ibyo bigarukira. Urugero, avoka ntashobora kubonana n'uwo yunganira amasaha arenga ane, kabone n'ubwo baba bategura ingingo zo gutanga cyangwa basuzuma inyandiko. Ikindi, avoka ashobora gusa gusura uwo yunganira inshuro zitarenze ebyiri mu cyumweru. Minisiteri y'Ubutabera yavuze ko yizigamiye uburenganzira bwo kugabanya inshuro avoka n'uwo yunganira bashobora kubonana, kimwe n'igihe bashobora kumarana, ndetse n'ibindi bintu abavoka basabwa gukora. Igitekerezo cya Ministeri y'Ubutabera nticyari gikubiyemo igihe abavoka bamarana n'abagenzuzi ba MICT.

65. Gashabana yavuze ko Minisiteri y'Ubutabera yagiye ibonana n'ufunzwe kugira ngo igenzure igihe yamaranye n'abavoka be, hagamijwe kubigereranya n'ibyanditse kuri fagitiri. Minisiteri y'Ubutabera yibwiraga ko abavoka bamarana igihe kirekire n'abo bunganira.

⁷ Reba Urubanza No MICT-12-25, «Icyifuzo gisaba ko Urubanza rwa Jean Uwinkindi, No RP 0002/12/HCCI, rukurwa mu Rugerekero rw'Urukiko Rukuru rushinzwe kuburanisha ibyaha mpuzamahanga n'ibirenga imipaka » (kitari ibanga), cyatanzwe ku itariki ya 16 Nzeri 2013, inyandiko yasemuwe mu cyongereza yatanzwe ku itariki ya 11 Ukwakira 2013 («Icyifuzo cy'Ubwunganizi»).

66. Gashabana yasabye Urugaga rw'abavoka kureba niba hatashyirwaho amasezerano mashya yagena amasaha yo kubonana buri kwezi. Igitekerezo cyo guhemba abavoka 30.000 Rwf ku isaha barakiretse hanyuma bafata icyo guhemba avoka 15.000.000 Rwf mu gihe cyose urubanza ruzamara. Nyuma y'aho, hatanzwe ikindi gitekerezo gishya, cyo guhemba avoka 1.000.000 ku kwezi; icyo gitekerezo cyarasuzumwe hanyuma kiremerwa. Gashabana yasobanuye, ariko, ko ibi bidahagije kuko umushahara ujyanye n'ibikorwa by'iperereza, cyane cyane ku batangabuhanya babarizwa hanze y'u Rwanda, kitarakemurwa. Ubwunganizi bwatanze ikigero cy'amafaranga akenerwa mu gukora iperereza, ariko Minisiteri y'Ubutabera ntiyabyemeye. Gashabana yavuze ko Ubwunganizi na Ministeri y'Ubutabera bagomba kongera guhura kugira ngo baganire ku gitekerezo cya nyuma cyatanzwe, kirebana n'amafaranga yagenerwa ibikorwa by'iperereza by'Ubwunganizi.

67. Gashabana yasobanuye ko igihe yagenwaga nk'Avoka mukuru, yasabye kugira ikipe imwunganira. Ibyo yasabye ntiyabyemerewe. Minisiteri y'Ubutabera yemeye gusa kumuha Avoka wungirije. Banze kumuha umuntu ushinzwe iperereza kubera ko, uko babibona, Avoka mukuru na Avoka wungirije bashobora gukora iperereza ryose.

68. Gashabana yasobanuye ko, kugira ngo bakemure icyo kibazo cyo gufasha mu rwego rw'amategeko, igisigaye gusa ni ukugeza icyo kibazo kuri MICT binyujijwe mu cyifuzo cy'Ubwunganizi. Mu gisubizo cye, Porokireri yavuze ko bakiga kuri icyo kibazo, noneho MICT yanzura ko icyifuzo cy'Ubwunganizi cyatanzwe igihe kitaragera⁸.

69. Gashabana yabwiye Umugenzuzi ko amaze koherereza MICT icyifuzo cye, Urugaga rw'abavoka rwamwandikiye rumwamagana ruvuga ko yitwaye nabi. Ibi byabaye kubera ko

⁸ Urubanza rwa Jean Uwinkindi, No MICT-12-25, «Icyemezo ku Cyifuzo gisaba ko Icyemezo cyo kohereza urubanza kuburanishirizwa mu Rwanda gikurwaho» (kitari ibanga), cyatanzwe ku itariki ya 12 Werurwe 2014.

mu ibaruwa imuhesha akazi nk'umwunganizi muri uru rubanza, asabwa ko iyo hari icyifuzo yifuza gutanga agomba kubimenyesha Urugaga rw'abavoka. Arikò, Gashabana yemeza ko umurimo we umusaba gutanga icyifuzo icyo ari cyo cyose kiri mu nyungu z'uwo yunganira, kabone n'iyo atabimenyesha Urugaga akoreramo.

70. Gashabana yavuze kandi ko Uwinkindi ashinjwa kuba icyitso cy'abakoze jenoside, kidateganywa mu mategeko y'u Rwanda. Ingingo ya 18 y' Itegeko rigena kwimurira imanza mu Rwanda yemera kujuririra ibyemezo byose by'Urukiko Rukuru, kandi Ingingo ya 27 y'iryo tegeko iteganya ko iyo hari igongana ry'amategeko, ari Itegeko rigena kwimurira imanza mu Rwanda rigenderwaho. Ibyo ari byo byose, Urukiko rw'Ikirenga rwateye utwatsi izo ngingo, rwanzura ko icyo kibazo gishobora gusa kujuririrwa mu gihe cyo kujuririra urubanza mu mizi yarwo. Gashabana yanzuye avuga ko ibi bibangamira uburenganzira bwo kuburanishwa mu buryo buboneye.

71. Gashabana yavuze ko iyo abavoka basabye kongererwa igithe cyo kwitegura, Porokireri avuga ko babikora kugira ngo babone amasaranga menshi kurushaho. Itangazamakuru, ririmo radiyo na televiziyo, rihiita risubiramo amagambo nk'ayo. Akaba asanga rero ibyo biba kubera ko Urugaga rw'abavoka rutagize icyo rukora kugira ngo rubarinde amagambo nk'ayo asebanya.

72. Gashabana yashimangiye ko atarahembwa kuva muri Gicurasi 2013 n'ubwo Ministeri y'Ubutabera yavuze ko irimo kwitegura kumuhemba.

73. Gashabana yasobanuye ko Ubwunganizi bwatangiye gukora iperereza ku batangabuhamya batuye mu Rwanda. Ku batangabuhamya bari hanze y'u Rwanda, Gashabana yavuze ko abafunze ari bo bonyine biteguye kuza gutanga ubuhamya. Abadafunze

batinya kuvugisha ukuri. Gashabana yanzuye ko bizagora kubona ubuhamya bwabo. Abatangabuhamya baba mu Rwanda bahozwa ku nkeke ikomeye.

III. UMWANZURO

74. Umugenzuzi yiteguye gutanga andi makuru yose y'inyongera, Perezida aramutse abisabye.

[Umukono]

Jelena Gudurić
Umugenzuzi mu rubanza rwa Uwinkindi

4 Nyakanga 2014.

I La Haye,
Ubuholandi.
